**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU/PRESS RELEASE

Kuwa mbere tariki ya 5/3/2018, mu cyumba cy'inama cya Minisiteri y'Ubutabera habereye inama y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha iyobowe na Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo no kwemeranya ku ngingo zari ku murongo w'ibyigwa, Inama yafashe imyanzuro ikurikira:

1. Imaze kuyikorera ubugororangingo, Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha yemeje inyandikomvugo y'inama yo kuwa 7/11/2017;

2. Imaze gusuzuma ibikubiye mu ibaruwa n°I/186/D11/A/ONPJ/CAB yo kuwa 01/03/2018. Ubushinjacyaha Bukuru bwandikiye Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha busaba gusuzuma ikibazo cya Bwana IGIHANGUMUGENZI Evariste utagaragaza "equivalence" y'impamyabushobozi, Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha yasabye Komisiyo y'umwuga w'Abashinjacyaha kuzumva ibisobanuro by'uwo mukozi, raporo ikazasuzumwa mu nama izakurikira.

3. Inama yameje Umushinga wa Politiki y'ikurikiranacyaha (Draft Prosecution Policy) mu Rwanda nyuma yo kuyikorera ubugororangingo, isaba ko ihindurwa mu Kinyarwanda no mu Gifaransa igashyikirizwa Inama y'Abaminisitiri ngo yemezwe.

4. Ishingiye ku Itegeko n°1 ryo ku wa 2/05/2016 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°44 bis/2011 ryo kuwa 26/11/2011 rigena Sitati y'abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru, cyane cyane ingingo ya 11 bis;

   Ishingiye kandi ku Itegeko n° 44 bis/2011 ryo kuwa 26/11/2011 rigena sitati y'Abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

   Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha yemeje abakandida batsinze ibizamini ku myanya ikurikira:

A. **UMUSHINJACYAHA KU RWEGO RWISUMBUYE**

MUKWAYA RUSATIRA Jean

B. **UMUFASHA W'UBUSHINJACYAHA KU RWEGO RWISUMBUYE:**

Madamu UMUHIRE Géorgiette

C. **UMUFASHA W'UBUSHINJACYAHA KU RWEGO RW'IBANZE**

Madamu UWANYIRIGIRA Diane, isaba ko hakorwa ibindi biteganywa n'amategeko mbere y'uko bashyirwa mu myanya.

Bikorewe i Kigali none kuwa 5/3/2018

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta akaba na
Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha